

REPUBLIC OF RWANDA



HIGHER EDUCATION COUNCIL
P.O. BOX 6311, KIGALI - RWANDA

ITANGAZO

BUSHINGIYE KU NAMA YO KUWA 7 KAMENA 2021 UBUYOBOZI BWA HEC BWAGIRANYE N'UBUYOBOZI BWA IST-BURKINA FASO BURANGAJWE IMBERE NA DR. ISSA COMPAORÉ (WASHINZE KANDI AKABA NA NYIRI ISHURI RYA IST-BURKINA FASO),

INAMA YARI IGAMIJE KWIGA KU KIBAZO CYA "EQUIVALENCE" KU BANYESHURI BARANGIJE AMASOMO YABO MU ISHURI RYA IST-BURKINA FASO.

UBUYOBOZI BWA HEC BURAMENYESHA ABANTU BOSE, ABANYESHURI NDETSE N'ABARANGIJE AMASOMO YABO IMYANZURO IKURIKIRA YAFATIWE MU NAMA YAVUZWE HARUGURU:

1. UBUYOBOZI BWA IST-BURKINA FASO BUKWIYE KUGARAGARIZA HEC KU BURYO BWIMBITSE UBURYO BW'IMYIGISHIRIZE Y'IYA KURE (BLENDED MODE) CYANE IBIJYANYE N'UBURYO BWO KURINDA IREME RY'UBUREZI
2. UBUYOBOZI BWA IST-BURKINA FASO BUGOMBA GUHAGARIKA IBIKORWA BYOSE BIJYANYE NO KWIGA NO KWIGISHA BIHABWA ABANYARWANDA HAKORESHEJWE IYA KURE (BLENDED MODE) KUGEZA IGIHE IBYASABWE HEJURU (1) BIZABA BYATUNGANYE.
3. HEC IGOMBA GUKOMEZA GUHAGARIKA IBIKORWA BYOSE BIJYANYE NO GUTANGA "EQUIVALENCE" KU BANYESHURI BARANGIJE AMASOMO YABO MU ISHURI RYA IST-BURKINA FASO BIZE HAKORESHEJWE IYA KURE (BLENDED MODE) KUGEZA IGIHE IBYASABWE HEJURU (1 & 2) BIZABA BYATUNGANYE.

HEC IBONEYEHO KUMENYESHA ABANYESHURI BOSE BARANGIJE AMASOMO YABO MU ISHURI RYA IST-BURKINA FASO BIZE HAKORESHEJWE IYA KURE (BLENDED MODE) KO IZASUBUKURA IBIJYANYE NO GUTANGA "EQUIVALENCE" KURI BO IGIHE IBYASABWE HEJURU (1 & 2) BIZABA BYATUNGANYE.

HEC IRIBUTSA KANDI ABANTU BOSE, ABABYEYI NDETSE ABANYESHURI BASHAKA KWIGA MU MASHURI MAKURU HIFASHISHIJWE IYA KURE KO BAKWIYE KWITONDERA AMASHURI MAKURU YO HANZE Y'U RWANDA ABABWIRA KO YIGISHA MU BURYO BW'IYA KURE, CYANE KO BYAGARAGAYE KO AMENSHI ABA ATABAHO CYANGWA ATABIFITIYE UBURENGANZIRA. KU BINDI BISOBANURO MWABARIZA KURI: info@hec.gov.rw CYANGWA TEL: 0785755997

UBUYOBOZI BWA HEC

